ITANGWA RY'ISAKARAMENTU RY'UBUSASERIDOTI

MURI PARUWASI YA KIVUMU

Kuri uyu wa gatandatu tariki 06/08/2016 kuri paruwasi Kivumu yaragijwe Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu habaye ibirori by'itangwa ry'Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubudiyakoni n'Ubupadiri.

Abahawe ubudiyakoni Ni Fratri Fidèle NSENGIMANA, Fratri Gabriel UWINEZA na Fratri Gaspard NZABAHIMANA; Abahawe Ubupadiri Ni Diyakoni Donatien NDACYAYISABA; Diyakoni Jean de Dieu NIYONSENGA na Diyakoni Pierre Damien DUSHIMIYIMANA.

Uhagarariye Komite nyobozi aratangaza ko abakristu ba kivumu basaga ibihumbi makumyabiri n'umunani bashimishijwe n'uko Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yahisemo ko ibyo birori bibera Ku Kivumu by'agahebuzo bakaba babonye abapadiri batatu muri bo babiri bakaba bavukana.

Arashishikariza inzego zishinzwe Uburezi gukomeza gutanga Uburezi bufite ireme kugira ngo hazakomeze haboneke Izindi ntore. Yasoje ihambo rye aha inka buri wese mubahawe Ubupadiri.

Uhagarariye Bagenzi be babonye iyo ngabire y'Ubusaseridoti yashimiye Imana yabasindagije bikaba ari ibyishimo kuri Bose. Arashimira Nyiricyubahiro Musenyeri wababaye hafi mu myiteguro yabo. Arashimira abarezi bagiye babaterura bakabasindagiza mu rugendo. Arashimira abapadiri babaye Ku Kivumu babahaye urugero rwiza ndetse n'abapadiri bavuka muri iyi paruwasi. Arashimira ubwitange bw'abakristu mu myiteguro y'uyu munsi mukuru. Barasaba inkunga y'isengesho. Yasoje asabira umugisha abitabiriye ibyo birori.

Mu Ijambo rye, umuyobozi w'akarere ka Rutsiro yavuze ko ibi ari ibyishimo bidasanzwe kuba Kivumu ibonye abapadiri batatu. Nk'uko Leta y'u Rwanda idasobanya na Kiliziya aba bapadiri batatu bazagirira akamaro Kiliziya na Leta. Yavuze ko iyi mpano bahawe itazabapfira ubusa. Icyo batumwe Ni ukubungabunga ubuzima bw'umubiri n'ubwa roho bw'abo baragijwe bityo baragijwe bakazaziherekeza ntanimwe izimiye. Arasaba abari aho kuzatera ingabo mu bitugu kuri izo ntore z'Imana.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA aragaragaza ibyishimo atewe n'abahawe Isakaramentu ry'Ubusaseridoti. Arasaba Bose gushimira Imana

yo yafashije izi ntore kugera Ku busaseridoti. Imana idushakira ibyiza kandi irashaka ko umuryango wayo ubona abayobozi. Arashimira ababyeyi babo babatoje inzira y'ukwemera, ukwizera n'urukundo.

Kuri ibi birori harimo ibidasanzwe kuba habonetse abasaseridoti babiri bava mu nda imwe bikaba byiyanditse mu mateka y'ubuzima bwabo. Ni ikimenyetso gikomeye ko byose tubikesha Nyagasani. Mubo ashimira babafashije harimo abarezi kuva mu mashuri abanza kugeza mu Iseminari Nkuru. Arasaba abatowe ko Impuhwe za Nyagasani zabaherekeza mu butumwa bwabo. Kwiha Imana Ni Ingabire Imana itanga uko ishaka n'igihe ishakiye, arabasaba kurangwa n'imyitwarire y'intangarugero bagakomezwa n'isengesho. Arashimira ubufatanye bwiza Kiliziya Gatolika ifatanya na Leta by'umwihariko Akarere ka Rutsiro dore ko Diyosezi ya Nyundo ifite za paruwasi nyinshi muri ako karere. Arashima umuyobozi w'akarere ubufatanye yizeje. Arashimira abantu Bose uburyo bitabiriye Umunsi mukuru ndetse n'uko bawuteguye.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA